

RWANDA / JUDGMENT

FREIGHT AFRICA BVBA v. BONUS ENTERPRISES Ltd

RCOMA 0031/13/CS

COURT

Supreme Court

DECIDED

31 July 2015

CASE / FILE NUMBER

RCOMA 0031/13/CS

Source: amategeko.gov.rw · Research copy typeset by Esheria. Not court-issued or certified.

FREIGHT AFRICA BVBA v. BONUS ENTERPRISES Ltd

- Source: Amategeko
- Section: Decisions (Judgements)
- Date: 2015-07-31
- Case/document no.: RCOMA 0031/13/CS
- Collection: Supreme Court

Text

Page 1

FREIGHT AFRICA BVBA v. BONUS ENTERPRISES Ltd [Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA – RCOMA 0031/13/CS (Mutashya, P.J., Munyangeri na Gakwaya, J.) 31 Nyakanga 2015] Amategeko agenga ububasha bw'Inkiko – Amasezerano y'ubwikorezi – Ububasha bw'inkiko zavuzwe mu masezerano – Kuba amasezerano y'ubwikorezi agaragaza inkiko zifite ububasha bwo kuburanisha abayagiranye igihe hazaba havutse ibibazo, umwikorezi, uwoherejwe ibicuruzwa hamwe n'uwabyoherejwe bafite inshingano yo kuyubahiriza batayaca iruhande. Itegeko n° 45/2011 ryo ku wa 25/11/2011 rigenga amasezerano ingingo ya 64 na 113, Itegeko ryo ku wa 19/1/1920 ryerekeye intumwa mu bucuruzi n'abikorezi, ingingo ya 10 n'ya 11, Ingingo ya 14, igika cya 2 y'Itegeko n° 42/1988 ryo ku wa 27/10/1988 rishyiraho interuro y'ibanze n'igitabo cya mbere “Abantu n'Umuryango”, by'urwunge rw'amategeko mbonezamubano nyarwanda, Ingingo ya 10 y'Itegeko ryo ku wa 19/1/1920 ryerekeye intumwa mu bucuruzi n'abikorezi. Indishyi – Indishyi z'ikurikiranarubanza n'igihembo cy'Avoka – Uwarezwe agomba kuzihabwa ariko zikagenwa mu bushishozi bw'urukiko, Itegeko ryo kuwa 10/07/1888 rigenga amasezerano cyangwa imirimo

nshinganwa, ingingo ya 258. Incamake y'ikibazo: BONUS ENTERPRISES Ltd yareze FREIGHT AFRICA BVBA mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi iyisaba kuyishyura ibicuruzwa byayo byangiritse hashingiwe ku masezerano y'ubwikorezi bagiranye, isaba amafaranga y'ubwikorezi yishyurwe n'indishyi zitandukanye. ARICA FREIGHT SERVICES Ltd nayo yagobokeshejwe ku ngufu muri uru rubanza. Urukiko rwategetse FREIGHT AFRICA BVBA hamwe na ARICA FREIGHT SERVICES Ltd gufatanya kwishyura BONUS ENTERPRISES Ltd amafaranga angana na 29.330.752 frws. FREIGHT AFRICA BVBA yajuririye mu Rukiko rw'Ikirenga ivuga ko Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rutari rufite ububasha bwo kuburanisha ikirego rwaregewe. AFRICA FREIGHT SERVICES Ltd nayo yarajuriye ivuga ko inkiko zo mu Rwanda nta bubasha zifite bwo kuburanisha icyo kirego hashingiwe ku ihame rivuga ko amategokpo mbonezamubano yunganira amasezerano abantu bagiranye ariko ntayasimbura. BONUS ENTERPRISES Ltd yatanze nayo ubujurire bwuririye ku bundi isaba urukiko gutegeka FREIGHT AFRICA BVBA kuyishyura indishyi mbonezamusaruro, iz'ikurikiranarubanza n'igihembo cy'Avoka. Uhagarariye FREIGHT AFRICA BVBA avuga ko Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi nta bubasha rwari rufite bwo kuburanisha ikirego rwaregewe hashingiwe ku masezerano yabaye hagati ya FREIGHT AFRICA BVBA na BONUS ENTERPRISES Ltd kubera ko impande zombi zari zumvikanye ko inkiko za Envers mu Bubiligi ari zo zifite ububasha bwo kuburanisha, avuga ko ibyo bishimangirwa n'ibyemejwe mu rubanza rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga aho rwavuze ko Imanza zerekeye ama sosiyete y'ubucuruzi n'indi miryango ifite ubuzima gatozi itari iya Leta ziburanishawo mu Rukiko rwo mu ifasi irimo icyicaro cyabyo gikuru cyangwa aho ikiburanwa kiri. Uhagarariye AFRICA FREIGHT BVBA we akavuga asanga kuba harasezeranywe ko igikorwa cyo kurega haramutse habaye impaka kizabera ku cyicaro cya FREIGHT AFRICA BVBA, avuga ko itegeko rigomba kubahirizwa, nukuvuga ko urukiko rw'iremezo rwa Envers mu Bubiligi ari rwo rufite ububasha bwo kuburanisha.

Page 2

Uhagarariye BONUS ENTERPRISES Ltd we akavuga ko Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ari rwo rwari rufite ububasha kubera ko ruri aho amasezerano yashyiriwe mu bikorwa ndetse akaba ari naho yagombaga kurangirizwa, anavuga ko ukwangirika kw'ibicuruzwa kwabereye mu Rwanda, asaba Urukiko gusuzuma niba ingingo y'amasezerano irebana n'urukiko rufite ububasha bwo kuburanisha clause de jurisdiction yasinywe n'impande zombi isimbura amategoko y'u Rwanda. AFRICA FREIGHT yo ikaba isaba urukiko gutegeka BONUS ENTERPRISES Ltd kuyiha indishyi y'ikurikiranarubanza n'igihembo cy'Avoka. Incamake y'icyemezo: 1. Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ntirwagira ububasha bwo kuburanisha uru rubanza mu gihe abagiranye amasezerano y'ubwikorezi bumvikanye ko ubwo bwikorezi buzishingirwa na nyir'ibicuruzwa, akagengwa n'amategoko yo mu Bubiligi, ko mu gihe hazaba havutse ikibazo cyangwa impaka izo arizo zose, ibyo bizaba biri mu bubasha bw'Inkiko za Antwerp (Anvers), bityo urubanza rwaciwe rukaba rugomba kuvanwaho.

2. Indishyi z'ikurikiranarubanza n'igihembo cy'Avoka zigomba guhabwa uwarezwe ariko zikagenwa n'ubushishozi bw'Urukiko kuko izo isaba ari ikirenga. Ubujurire bufite ishingiro. Urubanza ruvanyweho. Amagarama y'urubanza aherereye kuwareze. Amategoko

yashingiweho: Itegeko n 45/2011 ryo ku wa 25/11/2011 rigenga amasezerano ingingo ya 64 na 113, Itegeko ° ryo ku wa 19/1/1920 ryerekeye intumwa mu bucuruzi n'abikorezi, ingingo ya 10 n'ya 11, Itegeko n 42/1988 ryo ku wa 27/10/1988 rishyiraho interuro y'ibanze n'igitabo cya mbere ° Abantu n'Umuryango ingingo ya 14, by'urwunge rw'amategeko mbonezamubano nyarwanda, Itegeko ryo kuwa 10/07/1888 rigenga amasezerano cyangwa imirimo nshinganwa, ingingo ya 258. Nta manza zifashishijwe. Urubanza I. IMITERERE Y'URUBANZA [1] Urubanza rwatangiriye mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, Bonus Enterprise Ltd irega Freight Africa Bvba isaba kwishyurwa ibyangiritse mu gutwara ibicuruzwa, amafaranga y'ubwikorezi (transport) yishyuwe hamwe n'indishyi zitandukanye. Africa Freight Services Ltd yari yagobokeshejwe ku ngufu muri urwo rubanza. [2] Urukiko rwafashe icyemezo ku wa 21/01/2013, rutegeka Freight Africa Bvba na Africa Freight Services Ltd gufatanya kwishyura Bonus Enterprise Ltd 29.330.752 Frw, hamwe na 9.750 Frw y'amagarama y'urubanza.

Page 3

- [3] Freight Africa Bvba yajuririye mu Rukiko rw'Ikirenga, ivuga ko Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rutari rufite ububasha bwo kuburanisha ikirego rwaregewe hashingiwe ku masezerano bagiranye na Bonus Enterprise Ltd. [4] Africa Freight Services Ltd nayo yarajuririye, ivuga ko Inkiko z'u Rwanda nta bubasha zifite bwo kuburanisha icyo kirego hashingiwe ku ihame rivuga ko amategeko mbonezamubano yunganira amasezerano abantu bagiranye ariko ntayasimbura, ko yazanywe mu rubanza rutayireba kandi Urukiko rwari rwamaze kubifataho icyemezo kuwa 21/9/2012 ndetse Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwitiraniye Umuyobozi wa Africa Freight Services Ltd na sosiyete abereye Umuyobozi. [5] Bonus Enterprise Ltd yatanze ubujurire bwuririye ku bundi, isaba uru Rukiko gutegeka Freight Africa Bvba na Africa Freight Services Ltd kuyishyura indishyi mbonezamusaruro, iz'ikurikiranarubanza n'igihembo cya avoka. [6] Urubanza rwaburanishijwe mu ruhamwe kuwa 9/6/2015, Freight Africa Bvba ihagarariwe na Me NZAMWITA Toy, Africa Freight Services Ltd ihagarariwe na Me IDAHEMUKA Tharcise naho Bonus Enterprise Ltd ihagarariwe na Me INGABIRE Joséline na Me BUGINGO Jean-Bosco. II. ISESENGURA RY'IBIBAZO BIGIZE URUBANZA
- a. Kumenya niba Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwari rufite ububasha bwo kuburanisha uru rubanza [7] Me NZAMWITA Toy avuga ko nta bubasha Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwari rufite bwo kuburanisha ikirego rwaregewe hashingiwe ku masezerano yabaye hagati ya Freight Africa Bvba na Bonus Enterprise Ltd kuko bari bumvikanye ko Inkiko za Anvers mu Bubiligi arizo zifite ubwo bubasha. Avuga ko ibyo bishimangirwa n'ibyemejwe n'Urukiko rw'Ikirenga mu rubanza RCOMA 0038/09/CS rwaciwe kuwa 19/02/2010, aho rwavuze ko "imanza zerekeye ama sosiyete y'ubucuruzi n'indi miryango ifite ubuzima gatozi itari iya Leta ziburanishirizwa mu rukiko rwo mu ifasi irimo icyicaro cyabyo gikuru cyangwa aho ikiburanwa kiri, keretse iyo byateganijwe ukundi mu masezerano hagati y'impande ziburana". [8] Me IDAHEMUKA Tharcisse avuga ko Bonus Enterprises Ltd na Freight Africa Bvba bumvikanye urukiko rushobora kubaburanisha haramutse habaye impaka ndetse

hashingiwe ku ngingo ya 64 y'Itegeko n° 45/2011 ryo ku wa 25/11/2011 rigenga amasezerano, bigaragara ko bishyiriyeho itegeko rigomba kubahirizwa na buri wese. [9] Me IDAHEMUKA Tharcisse akomeza avuga ko ingingo ya 121, igika cya 1 y'Itegeko Ngenga n° 51/2008 ryo ku wa 9/9/2008 rigenga imiterere, imikorere n'ububasha by'Inkiko iteganya ko "Uretse mu gihe hari andi mategeko abiteganya ukundi, urukiko rw'aho uregwa atuye ni rwo rufite ububasha bwo kuburanisha urubanza" ndetse ingingo ya 125 y'iryo Tegeko iteganya ko "Iyo hari ahantu hatoranyijwe ko harangirizwa amasezerano, urukiko rw'aho hantu nirwo ruregerwa urubanza ruyerekeye", bityo akaba asanga kuba harasezeranywe ko igikorwa cyo kurega bizabera ku cyicaro cya Freight Africa Bvba, itegeko rigomba kubahirizwa.

Page 4

- [10] Me IDAHEMUKA Tharcisse asoza avuga ko hashingiwe ku ngingo ya 89 y'Itegeko n° 21/2012 ryo ku wa 14/6/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi no ku manza nyinshyi zaciwe n'Inkiko aho zafashe icyemezo cy'uko Inkiko z'u Rwanda zidafite ububasha bwo kuvuguruza amasezerano ababuranyi bagiranye bihitiramo inkiko, ari Urukiko rw'Iremezo rwa Anvers (Tribunal de Première Instance d'Anvers) rufite ububasha bwo kuburanisha uru rubanza. [11] Me INGABIRE Joséline na Me BUGINGO Jean-Bosco bavuga ko Bonus Enterprise Ltd isanga Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwari rufite ububasha kubera ko ukwangirika cyangwa impanuka byabereye mu Rwanda. Bakomeza basaba Urukiko gusuzuma niba ingingo y'amasezerano irebana n'Urukiko rufite ububasha bwo kubaburanisha "clause de jurisdiction", basinye bombi isimbura amategeko y'u Rwanda. Basoza bavuga ko kuba Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi arirwo ruri aho amasezerano yashyiriwe mu bikorwa ndetse akaba ari naho yagombaga kurangirizwa, bakaba basanga hashingiwe ku ingingo ya 124 y'Itegeko Ngenga n° 51/2008 ryo ku wa 9/9/2008 ryavuzwe haruguru, rwaraciye urubanza nta Tegeko na rimwe rwishe. UKO RUKIKO RUBIBONA [12] Ingingo ya 64 y'Itegeko n° 45/2011 ryo ku wa 25/11/2011 rigenga amasezerano iteganya ko "Amasezerano akozwe ku buryo bukurikije amategeko aba itegeko ku bayagiranye. Ashobora guseswa ari uko babyumvikanyeho cyangwa ku mpamvu zemewe n'amategeko. Agomba kubahirizwa nta buriganya". [13] Ingingo ya 113, igika cya 1 y'Itegeko n° 45/2011 ryo ku wa 25/11/2011 ryavuzwe haruguru iteganya ko "Amasezerano agira inkurikizi ku bayagiranye gusa, ntabangamira undi wese kandi amugirira akamaro gusa mu biteganyijwe bijyanye no gusezerana ibifitiye undi akamaro". [14] Ingingo ya 10 y'Itegeko ryo ku wa 19/1/1920 ryerekeye intumwa mu bucuruzi n'abikorezi iteganya ko "Amasezerano y'ubwikorezi agaragazwa n'ibimenyetso byose biteganywa n'amategeko mbese nko ku byerekeye ibicuruzwa hakoreshewa impapuro z'ipakira". [15] Ingingo ya 11, igika cya 2 y'Itegeko ryo ku wa 19/1/1920 ryavuzwe haruguru iteganya ko "Urwandiko rw'ipakira rukorwa mu nyandiko ebyiri, imwe muri zo igenewe uwohereje ibicuruzwa kandi iriho umukono w'umwikorezi naho indi, ihabwa umwikorezi, iriho umukono w'uwohereje ibicuruzwa". [16] Ingingo ya 14, igika cya 2 y'Itegeko n° 42/1988 ryo ku wa 27/10/1988 rishyiraho interuro y'ibanze n'igitabo cya mbere "Abantu n'Umuryango", by'urwunge rw'amategeko mbonezamubano nyarwanda iteganya ko "Uretse

iyi abagiranye amasezerano babishatse ukundi, ibyo bemereranijwe, ku byerekeye uko bimeze, inkurikizi zabyo, no ku byerekeye guhamya ko byabaye koko, bigengwa n'itegeko ry'aho ibyo bumvikanyeho byabereye“.

Page 5

- [17] Urukiko rw'Ikirenga rurasanga amasezerano y'ubwikorezi (bill of lading ou le connaissance)¹ n° RWA 3993 yo kuwa 5/12/2009 aburanwa muri uru rubanza, ari hagati ya Freight Africa NV, wohereje ibicuruzwa n'umwikorezi Elledi Service & Leuenberger + C & Cartiera Galliera, ndetse hakagaragaramo na Bonus Entrepise Ltd nk'uwo ibicuruzwa bigomba gushyikirizwa (consignataire ou consignee, destinataire et donneur d'ordre). [18] Urukiko rw'Ikirenga rurasanga ayo masezerano ateganyaga ko abayagiranye bumvikanye ko ubwo bwikorezi buzishingirwa na nyir'ibicuruzwa, ko agengwa n'amategeko yo mu Bubiligi, kandi ko mu gihe havutse ikibazo cyangwa impaka izo arizo zose, ibyo bizaba biri mu bubasha bw'Inkiko za Antwerp (Anvers). [19] Urukiko rw'Ikirenga rurasanga n'ubwo inyandiko y'ipakira (le connaissance ou la lettre de chargement) iza gushyira mu bikorwa amasezerano y'ubwikorezi, ishobora gutuma byumvikana ko ayo masezerano ari gusa hagati y'uwohereje ibicuruzwa n'umwikorezi ariko mu by'ukuri, mu gihe uwohereje ibicuruzwa agiranye amasezerano n'umwikorezi, aba abikora mu nyungu (au profit) z'uwo ibicuruzwa byoherejwe (destinataire) kuko ariwe bifitiye akamaro². [20] Urukiko rw'Ikirenga rurasanga kandi mu gihe bigaragara mu nyandiko y'ipakira ko uwo ibicuruzwa byoherejwe (destinataire) ariwe wasabye ko ayo amasezerano y'ubwikorezi akorwa (donneur d'ordre), byumvikana nta shiti ko ari mu bagiranye aya masezerano, ndetse ko uwohereje ibicuruzwa yabikoze mw'izina ry'uwo byoherejwe. Byongeye kandi, kuba izina ry'uwo ibicuruzwa byoherejwe rigaragara ku nyandiko, bigaragaza ko yiyemeje inshingano yo kubahiriza amasezerano y'ubwikorezi³. [21] Ku birebana n'ingingo y'amasezerano igaragaza Inkiko zifite ububasha bwo kuburanisha abagiranye amasezerano igihe havutse ikibazo cyangwa impaka izo arizo zose mu kuyubahiriza, Urukiko rw'Ikirenga rurasanga, hashingiwe ku byasobanuwe haruguru, kuba bigaragara ko Bonus Entreprises Ltd (destinataire et donneur d'ordre) iri mu bagiranye amasezerano y'ubwikorezi kuko ifite inshingano zo kuyubahiriza ndetse umwikorezi n'uwohereje ibicuruzwa (Freight Africa NV :expéditeur) nabo bafite inshingano zo kuyubahiriza, iyo ngingo 1 “Le connaissance (en anglais bill of lading: bon de chargement, de fret, abrégé B/L) est le document matérialisant le contrat de transport maritime conclu entre le chargeur et le transporteur maritime”, in le connaissance, <https://fr.wikipedia.org/wiki/connaissance>, consulté le 20/7/2015. 2 “Le destinataire rentre en ligne de compte (comme partie à un contrat auquel il apparaît qu'il ne lui a pas été donné possibilité de manifester sa volonté) dans le cadre du contrat de transport en vertu de la stipulation pour autrui”, RWANKUBITO Prudence, Droit du transport, printerSet, Kigali, 1993, P. 41. “Les auteurs proposent deux explications pour justifier cette association du destinataire à un contrat à la formation duquel il n'a pas directement pris part. Une partie de la doctrine retient l'opération juridique de la stipulation pour autrui pour expliquer cette association. L'expéditeur, estime-t-on, aurait stipulé du

transporteur en faveur du destinataire. D'autres auteurs, au contraire, préfèrent reconnaître que le contrat de transport est un contrat tripartite. Quelle que soit la théorie juridique à laquelle l'on adhère, il ne fait plus de nos jours de doute que le contrat peut être invoqué par le destinataire aussi bien que par l'expéditeur et opposé par le transporteur, aussi bien à l'un qu'à l'autre", Alain COMLAN, Traité de droit commercial congolais, Nouvelles Editions Africaines, Paris, 1972. 3 "Si le donneur d'ordre n'est pas l'expéditeur réel, celui-ci doit être considéré comme ayant agi au nom de celui-là et avoir pris des engagements vis-à-vis du transporteur par l'indication de son nom sur la lettre de chargement. Mais si le donneur d'ordre s'est indiqué sur la lettre de chargement, le chargeur réel n'est alors que l'agent d'exécution de l'expédition au nom et pour compte de l'expéditeur qui est en même temps donneur d'ordre, RWANKUBITO Prudence, op.cit., P. 43.

Page 6

y'amasezerano iha Inkiko ububasha bwo kuburanisha (clause attributive de compétence) abayagiranye, bityo, akaba atayaca iruhande kuko nawe imureba kandi igomba kubahirizwa. [22] Hashingiwe ku ngingo z'amategako zavuzwe haruguru no ku bisobanuro byatanzwe, Urukiko rw'Ikirenga rurasanga Inkiko z'u Rwanda nta bubasha zifite bwo kuburanisha uru rubanza, bityo nk'uko bigaragara mu nyandiko y'ipakira igize amasezerano y'ubwikorezi, Inkiko za Antwerp (Anvers) zonyine zikaba arizo zifite ububasha bwo kuruburanisha. [23] Kubera izo mpamvu, Urukiko rw'Ikirenga rurasanga ubujurire bwa Freight Africa BVBA (ubuNV) n'ubwa Africa Freight Services Ltd bufite ishingiro, bityo Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rukaba rutari rufite ububasha bwo kuburanisha uru urubanza. Urukiko rw'Ikirenga rukaba rusanga urwo rubanza rwaciwe rugomba kuvanwaho.

- b. Kumenya niba Africa Freight Services Ltd ikwiye guhabwa indishyi isaba. [24] Me IDAHEMUKA Tharcisse avuga ko Africa Freight Services Ltd isaba Urukiko gutegeka Bonus Enterprises Ltd kuyishyura 3.500.000 Frw y'ikurikirana urubanza n'igihembo cya avoka. UKO URUKIKO RUBIBONA [25] Ingingo ya 258 y'Igitabo cya III cy'urwunge rw'amategako mbonezamubano iteganya ko "Igikorwa cyose cy'umuntu cyangirije undi gitegeka nyirugukora ikosa rigikomokaho kuriha ibyangiritse". [26] Ku bijyanye n'amafaranga y'ikurikiranarubanza n'igihembo cy'avoka Africa Freight Services Ltd isaba, usibye ko Bonus Enterprises Ltd ntacyo iyavugaho, Urukiko rw'Ikirenga rurasanga igomba kuyahabwa, ariko kubera ko 3.500.000 Frw isaba ari ikirenga, mu bushishozi bwarwo rukaba ruyigeneye 800.000 Frw. III. ICYEMEZO CY'URUKIKO [27] Rwemeje ko ubujurire bwatanzwe na Freight Africa BVBA (ubu NV) na Africa Freight Services Ltd bufite ishingiro. [28] Rwemeje ko urubanza RCOM 0038/12/HCC rwaciwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ruvanyweho. [29] Rutegetse Bonus Enterprises Ltd kwishyura Africa Freight Services Ltd 800.000 Frw y'ikurikiranarubanza n'igihembo cya avoka. [30] Rutegetse Bonus Enterprises Ltd kwishyura amagarama y'urubanza angana na 100.000 Frw.

Source & reproduction note

Judgment wording, source notices and original paragraph numbers are retained. Esheria supplies the layout and this PDF's page numbers; these are not the source pagination. This is a research copy, not an official or certified court document. Check quotations, citations and publication restrictions against the original source before relying on it.

ORIGINAL SOURCE <https://www.amategeko.gov.rw/view/doc/7510/7790>

CASE PAGE <https://chat.esheria.ai/case-law/rwanda/freight-africa-bvba-v-bonus-enterprises-ltd-jurisdictionclauses-supreme-court-2015>

Prepared on 11 October 2026 · Esheria